Ministere de l'education
(MINEDUC)

Correspondance

25/10/1999

D01
Page 12

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUREZI

**AGEER**

KIGALI

Kigali, kuwa 25/10/1999

**Impamvu**:Gutumira

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru
muri Minisiteri y'urubyiruko siporo n'umuco
i **KIGALI.**

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru,

Tunejejwe no kubandikira tubatumira mu nama y'umuryango rusange w'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye,amakuru na za Kaminuza (AGEER) .Iyo nama izaba kuva tariki ya 30/10 kugeza 01/11/1999 ikazabera ku kigo isano i Gikondo.

Ubusanzwe,Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru,sitati igenga umuryango rusange w'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye amakuru na za kaminuza ivuga ko Komite nyobozi,komite nkemurampaka na biro ngishwanama baterana bagashyiraho amategeko ngengamikorere,ndetse bakiga na gahunda y'umwaka (programme d'action 1999/2000) ni muri urwo rwego tubatumiye muri iriya nama. Gahunda kuburyo burambuye murayisanga k'umugereka w'iyi nyandiko.

Turangije tubashimira ubwitange mugira.

Kuza kwanyu n'inkunga ikomeye

Umuyobozi w' **AGEER**

**NSHIMIYIMANA Appolinaire**

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUREZI
AGEER.

# GAHUNDA Y'INAMA Y'AGEER :KUVA KUWA 30/10 KUGEZA 01/11/1999

## TARIKI YA 30/10/1999

| | |
|---|---|
| 8:00-8:50 | Ijambo ry'Umunyamabanga mukuru muri Minisitreri y'uburezi no gufungura inama |
| 8:50-10:00 | Ijambo ry'Umunyamabanga mukuru no muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco<br>gusobanura uburyo hazakorwa amatora yo gusimbira abatowe mu rwego rukurikira ya ba Doyes n'inzego z'abanyeshuri mu bigo |
| 10:00-12:00 | Kugezwaho imbanziriza mushinga y'amategeko ngengamikorere no kuyitangaho ibitekerezo |
| 12:00-13:30 | **Ikiruhuko no gufata ifunguro** |
| 13:00-16:30 | Kwigira amategeko ngengamikorere mu matsinda |
| 16:30-17:00 | **Akaruhuko** |
| 17:00-19:30 | Guhuriza hamwe ibyizwe mu matsinda no kujya impaka ingingo ku yindi |
| 19:30-20:30 | Gusoza gahunda y'umunsi no gufata ifunguro |

## TALIKI YA 31/10/1999

| | |
|---|---|
| 7:30-10:00 | Gukomeza guhuriza hamwe ibyizwe mu matsinda |
| 10:00-10:30 | **Akaruhuko** |
| 10:30-12:00 | Gukomeza guhuriza hamwe ibitekerezo byavuye mu matsinda |
| 12:00-13:30 | **Ibiruhuko no gufata ifunguro** |
| 13:30-16:30 | Gufata umwanzuro ku mategeko ngengamikorere (kuyemeza burundu) |
| 16:30-17:00 | **Akaruhuko** |
| 17:00-19:30 | Kugezwaho aho imyiteguro igeze mu gutegura inama mpuzamahanga izabera i Kigali kuva taliki ya 15 kugeza 20/11/1999. |
| 19/30-20/30 | **Gufata ifunguro** |
| 20:30-22:30 | Gukomeza kungurana ibitekerezo k'uruhare abanyeshuri bazagira muri iriya nama. |

## TALIKI YA 01/11/1999

| | |
|---|---|
| 7/30-10/00 | Kwiha umurongo tuzagenderaho mu mwaka w'amashuri 1999/2000 |
| 10:00-10:15 | **Akaruhuko** |
| 10:15-12:00 | Gufata umwanzuro kugikorwa cy'inama yose muri rusange. |
| 12:00-14:00 | **Ikiruhuko** |
| 14:00-14:20 | Kugeza kuri Minisitiri imyanzuro y'inama |
| 14:20-15:00 | Ijambo rya Minisitiri w'Uburezi risoza inama. |

Bikorewe i Kigali, kuwa 25/10/1999
Umuyobozi w'**AGEER**
**NSHIMIYIMANA Appolinaire**